# Ku munsi w'imperuka umwemeramana azegera Nyagasani we kugeza ubwo amushyizeho ipaziya, maze yiyemerere ibyaha yakoze

Hadith yaturutse wa Swaf'wan Ibun Muhriz yaravuze ati: Abagabo babiri babajije Ibun Umar (Imana imwishimire) bati: Ni gute wumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga ku bijyanye na Allah ukuntu azahishira umugaragu we? Nuko arabasubiza ati: Nayumvise ivuga iti: "Ku munsi w'imperuka umwemeramana azegera Nyagasani we kugeza ubwo amushyizeho ipaziya, maze yiyemerere ibyaha yakoze, maze avuge ati: Ese ibyaha ibi n'ibi urabyibuka? Asubize ati: Yego Nyagasani ndabyibuka, nuko Allah amubwire ati: Naraguhishiriye ukiri ku isi, none n'uyu munsi ndabikubabariye, nuko ahabwa urwandiko rwanditseho ibikorwa bye byiza; naho abahakanyi n'indyarya bazahamagarwa imbere y'imbaga, bavuga bati: Aba ni babandi babeshyeye Allah!"

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ku byerekeranye n'uburyo Allah azahishira umugaragu we w'umwemeramana ku munsi w'imperuka, aho igira iti: Ku munsi w'imperuka umwemeramana azegera Nyagasani we kugeza ubwo amushyizeho urusika (ipaziya) ruzatuma abandi batamenya ibye, maze amubaze ati: Ese ibyaha ibi n'ibi urabyibuka? Nuko yiyemerere ibyaha yakoze hagati ye na Nyagasani we. Nuko avuge ati: Yego Nyagasani! Kugeza ubwo umwemeramana azagira igihunga n'ubwoba, maze Nyagasani amubwire ati: Naraguhishiriye ukiri ku isi, none nanjye uyu munsi ndabikubabariye, nuko ahabwe urwandiko rwe rwanditseho ibikorwa byiza. Naho umuhakanyi n'indyarya bo umuhamagazi azahamagara mu ijwi riranguriye imbere y'imbaga avuge ati: Bariya babeshyeye Nyagasani wabo, umuvumo wa Allah ube ku banyamahugu.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee